

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISTERI Y'AMASHULI ABANZA
N'AYISUMBUYE

UBUYOBOZI BUKURU BW'UBUSHAKASHATSI
BW'UBUHANGA MU BYO KWIGISHA

GUSOMA

5



IGITABO CY'UMUNYESHULI

Ibiro by'Integanyanyigisho z'Amashuli
Abanza n'iz'Agamije Amajyambere y'lmyuga

UgushyIngo 1983

GUSOMA

5

IGITABO CY'UMUNYESHULI

Ibiro by'Integanyanyigisho z'Amashuli
Abanza n'iz'Agamije Amajyambere y'Imyuga

Ugushyingo 1983

LIBULIRO

Imyaka irangiye ali ine twimenyereza gusoma no kwandika ikinyarwanda. Uyu mwaka ushize twungutse byinshi mu rulimi n'umuco bya kinyarwanda tubikesha imyandiko ikubiye mu gitabo cyo gusoma cy'umwaka wa kane.

Ubu rero tugeze mu mwaka wa gatanu, tugomba kurushaho gusoma neza tudategwa kandi tukamenya kwandika vuba nta kosa.

Tugomba kandi kumva neza buli mwandiko uli muli iki gitabo, tukamenya no kuyitandukanya kuko idateye kimwe.

Halimo imivugo, ibiyivugo, imigani, ibitekerezo, imyandiko ivuga imico ya kinyarwanda, ibidukikije, ibihingwa ngandurarugo n'ibihingwa ngengabukungu. Buli mwandiko kandi ufite intego yawo ugamije, ni yo mpamvu gusoma inkuru gusa bidahagije: mugomba kumva ibitekerezo biwulimo, mukagerageza kwihibira indi myandiko, ali mu mvugo cyangwa se mu nyandiko.

Bene amaguru, ngurwo urukwavu!

Ishami ly'ikinyarwanda.

ISHAKIRO

Iki gitabo cyanditswe na:

- NYIRANZEYIMANA Monika
- SEKAMONYO Fawusitini
- NKERAMIHIGO Yohani
- KAMUGUNGA Kalisiti
- KAMALI Alufonsi

Cyasuzumwe na:


- NTAWEZA Timoteyo
- MUTAKE Tarisisi.

Umushushanyi: BUKAKA Fulgensi.

Tugire umwete mu ishuli	6
Igit	8
Nyiramubande	10
Kugira neza	13
Bakame n'icyiyone	14
Ibijumba	16
Amaco y'inda	17
Joriji Baneti (igice cya mbere)	19
Inzoka	24
Inzoka n'igikeli	26
Umuhinzi n'abana be	28
Igisheke	31
Joriji Baneti (igice cya kabilis)	33
Umwuka n'umuyaga	36
Ruhato n'agasamuzuli	38
Ingwe yihekuye	40
Indyoheshabirayi	42
Petero Nzukira (igice cya mbere)	45
Isega n'inzigo	49
Utazi ubwenge ashima ubwe	51
Inzozi z'umuntu w'umukene	53
Inyoni	55
Ndabaga	57
Icyivugo cy'imbeba	59
Ishyali n'ubuhemu	64
Umuceli	66
Petero Nzukira (igice cya kabilis)	68
Ibyifuzo bitatu gusa	70
Ubwenge bwa Bakame	72
Amazi	74
Umugani wa Cacana	76

★ Impugukirwa: Imyandiko myinshi ili muli iki gitabo yasubiwemo n'Ishami ly'ikinyarwanda.

TUGIRE UMWETE MU ISHULI



Ntamwete akigera mu mwaka wa gatatu, yangaga kwiga ntiyite ku byo umwalimu yigisha, ngo ibibazo nibiza azanakira cyangwa abaze bagenzi be. Akicara mu ishuli agatima kali ahandi, agakubagana, akarangaza abandi, umwalimu agahana aliko bikanga bikaba iby'ubusa.

Umunsi umwe abandi banyeshuli batashye, umwalimu aramuhamagara, aramwihererana maze amucira uyu mugani ati «kera inyon'i yalitse mu giti cyali mu mulima w'ibigoli ; iyo nyoni yali ifite abana batatu. Bamaze gukura irababwira iti «mujye munyumvira, icyo nyir'uyu mulima avuga mumbwire, atazatema ibi bigoli tutavanyemo ibyo tuzajya tulya.»

Bukeye mu museso iyo nyoni ijya kwizererera. Aho itahiye, abana bayo barayibwira bati «nyir'umulima yavuze ko ejo azajya kwinginga umutemera ibigoli.» Nyina irabasubiza iti «muzongere munyumvire icyo avuga.» Nuko icyumweru gihita ntagikozwe!

Hashize iminsi mike, abana babwira nyina ko bumvise nyil'ibigoli avuga ko azajya noneho kwinginga inshuti ye ikaza ikamutemera ibigoli kuko abo yali yizeye bose batabonetse. Nyina yongera kubabwira ati «nimuhumure, mujye mutega amatwi gusa mumbwire.» Ibyumweru birahita ibindi birataha.

Umugabo aza kumanuka, arebye umulima we asanga ibigoli inyon'i zibigeze kure; ati «ejo kare ngomba kuza ngapfa kwandurura udusigaye utwo ali two twose.» Ubwo arazamuka akubira umuhoro.

Ya nyoni itahutse, abana bayibwira ko noneho ali we ubwe uziyizira. Ibwira abana bayo, zirara mu bigoli ziralya, ibindi ziraca zirahunika.

Mu gitondo umugabo araza asanga inyon'i zakuyeho umwanda. Intege ziracika, azamuka yimyiza imoso. Yali yaragine ubunebwe bwo kwisarulira imyaka ngo ateze ko azayisarulirwa n'abandi, ayiheba atyo. »

Ntamwete amaze kumva uwo mugani, yiyumvira akanya, isoni ziramukora ataha atavuga. Bukeye agarukana umwete watangaje umwalimu n'abandi banyeshuli. Atangira kwiga abishishikaliye; alitonda, arumvira; maze igihembwe gishize, abona amanota atali yigeze agira. N'ubu kandi ntarasubira inyuma.

(Gusoma 5, Hatier Paris, 1975, p. 7)

IGITI



Igiti kili mu mulyango w'ibinyabuzima. Kiramera, kigakura, kikaba cyarabya, cyakwera imbuto, hanyuma kikazasaza. Cyakora ntigishobora kwiyimura aho kili.


Igiti kigizwe n'imizi, n'igihimba, n'amashami, n'amababi, n'indabyo zibyara imbuto. Imizi ifatisha igiti mu butaka, ikakivanamo ibigitunga. Igihimba gitangilira ku butaka kigakura kijya hejuru. Igiti gihumekera mu mababi. Aho ibiti bili ali byinshi bahita ishyamba. Bavuga ko amashyamba akurura imvura akanarwanya isuli.

Ibiti bigira akamaro kenshi: hali ibyera imbuto: nkamacunga, amapapayi, indimu, amatunda, marakuja, za avoka n'ibindi byinshi. Hali n'ibyubakishwa amazu n'amatembe; hakaba n'ibisaturwamo imbaho, zikabazwamo ibikoresho by'amoko menshi, hakaba n'ibicanwa.

Igiti gikwiye rero kwitabwaho cyane; kigafatwa neza, nticyangizwe, ahubwo kikiturwa ineza kigilira abantu. Wa mugani wa ka kalilimbo koko « nutema kimwe ujye utera bibili. »

(Ishami ly'ikinyarwanda)

NYIRAMUBANDE



Habayeho umwana akitwa Sabera, ntamenye NYIRAMUBANDE icyo ali cyo.

Umunsi umwe, aragiye mu gikombe, sinzi uko yaje gukabukira inka, ako kanya yumva ijwi liramwigana, lisa n'ilivugira mu gihuru cyali hepfo ye mu kabande. Biramutangaza bituma ahamagara ati « yewe! yewe! » Ijwi lisubiramo liti « yewe! » Umwana arangurura ijwi ati « uranyiganira iki wa mbwa we? » Ijwi lisubiramo liti « uranyiganira iki wa mbwa we? » Nuko birakomeza rubura gica.



Sabera ararakara cyane, maze si ugutuka ibihuru avayo. Cya gihuru na cyo si ukumusubiza. Noneho acyirohamo, ashakashakira hose uwo mwana umwigana ngo amugilire nabi, aliko ntiyamuca ilyera. Nuko amaguru ayabangira ingata, yiruka ajya kuregera nyina uwo mubisha wihihe mu gihuru, akaba yiliwe amutuka!



Nyina aramubaza ati « yagututse ngo iki? » Sabera aramusubiza ati « nikabukiliye inka yali igiye kona, ngiye kumva nurva ijwi ly'umwana linyigana, liturutse mu kabande, mu gihuru gihali. Mpamagara uwo mwana nti « yewe! yewe! » Aho kunyitaba akomeza kunyigana. Birandakaza cyane, ngerageje kumwiyama atangira kuntuka. Nuko ndamanuka ndamushakashaka, ndamuheba. »

KUGIRA NEZA

Nyina araseka cyane, ni ko kumubwira ati « vivuyemo ubwawe. Umenye ko nta magambo yandi wumvise atali ayaturutse mu kanwa kawe. Uko wibona mu mazi cyangwa mu ndorerwamo, ni na ko iyo uvuze cyane ijwi lyawe lihura n'umusizi, likakugarukira lisubira mu byo umaze kuvuga. Iyo uvuga amagambo meza, ni yo uba wumvise. None ibyo umaze kumbwira biranyumvisha ko utangiye kuba umwana mubi, ubwo usigaye utukana. Uherukire aho! Ikindi kandi, ubwo udashaka kugilirwa nabi, nawe ujye wilinda kuyigilira abandi.»

(**Gusoma** 3, Edit. A. De Bœck,
Bruxelles, 1972, p. 29.)



Mugenzi wacu ni umuntu wese iyo ava akagera: ali uturuta, ali uwo tungana, ali n'uwo turuta. Jya ugilira mugenzi wawe uko wifuza kugilirwa, ubabalire abandi kugira ngo na bo bazakubabalire ubafudikiye cyangwa ubababaje.


Ntugaseke ubusembwa cyangwa inenge bya mugenzi wawe kuko atali we wabyihaye. Jya wibuka ko abo bantu bakunda kurangwaho ingeso nziza.

Impaka za ngo turwane ntizikakurangweho. Kuvuga undi nabi kimwe no kumusebya mu bandi bikurura amahane. Aliko gucyocyorana no guterana amagambo bya gicuti bikunda kulyoshyia ibiganiro no guhuza abantu, bikabatoza gushyomoka no kwihanganirana, bikabakomereza umubano.

Jya ufasha mugenzi wawe, haba mu byago cyangwa mu byishimo. Iyo mico myiza izaguhesha umugisha n'ihirwe mu mibereho yawe.

(**Gusoma** 5, Hatier Paris, 1975, p. 103)

BAKAME N'ICYIYONE



Amapfa yarateye Bakame irasonza;
Maze yibuka ibyo gusuhuka.
Iti « mu Kinyaga mpafite mabukwe
Nahakoye inka zanje umunani. »

Bakame iragenda, ibonye inaniwe,
Ilya mu gicucu munsi y'igitu,
Irora hejuru ibona icyiyone
Gitamiye umunopfu w'umutali.

Nkunda agatukura Bakame ikarusha!
Iti « henga nihendere ubwenge Cyiyone.
Amashyo Cyiyone, urakoma neza!
Noneho si uwiza urasa na bike! »

Bakame ivuze ityo, ikindi cy'igipfu kitu
« uburanga mbuhwanya n'iho. »
Gihera ubwo ngubwo cyasamura ikinwa,
Umutali uragwa, Bakame irawusama.

Bakame iti « Cyiyone wimena umutwe
Gapfe utambyiniye wa gisambo we! »
Icyiyone kitu « umpenze ilya none! »
Gisigara cyimyiza imoso.

(**Gusoma 3**, Edit. A. De Bœck,
Bruxelles, 1972, p. 87).

IBIJUMBA

Ibijumba ni igihingwa cy'ingirakamaro kuko cyunganira urugo mu bihe bisanzwe, cyane cyane aliko mu gihe cy'akanda.

Mu bijumba aliko ntihabamo ibitunga umubili bihagije nk'ibyo dusanga mu bishyimbo cyangwa mu mashaza. Ni yo mpamvu kubihorera byonyine bituma umuntu ashobora gufatwa n'indwara ziterwa no kulya nabi.

Ibijumba ni imbuto ikunda cyane cyane ubutaka bw'urubumba mu rusenyi. Iyo mbuto yera ku cyatsi kirandaranda bita umugozi w'ikijumba. Iyo mbuto uysanga mu bihugu bishyuha. Muli ibyo bihugu, ibijumba ntibirushya ihinga, imigozi ishora byinshi kandi bifite icyanga.

Imigozi y'ibijumba iterwa mu mabimba cyangwa mu mirenzo, bakayitera babanje kuyica ingeli.


Mu turere tutavamo izuba lyinshi, ibijumba bishobora guhingwa umwaka wose. Igihe cyiza cy'ihinga ni icy'imvura ili mu rugero, kuko imvura nyinshi na yo idatuma bishora neza. Aho byera vuba, ibijumba bishobora gukurwa hashize amezi ane cyangwa atanu. Ahadashyuha bishobora kwerera amezi alindwi nabwo kandi bikaba bito bito. Kwera vuba cyangwa gutinda biterwa n'ubwoko bw'imigozi.

Ibijumba ntibihunikwa igihe kirekire. Uko bisanzwe, bakura ibyo bashobora kumara mu gihe kilinganiye. Icyo gihe babirobanuramo ibyakomeretse mu ikura, ibizima bakabyanika bitaronze, bikazalibwa ali imihonge.

Ibijumba ni kimwe mu biningwa bya mbere birwanya inzara, kuko byera vuba bikaramira urugo; ndetse urutabifite bavuga ko ruba rushonje.

(Ishami ly'ikinyarwanda)

AMACO Y'INDA



Kera habayeho umugabo utunze ihene nyinshi; bukeye ashaka umugore, babyarana umwana w'umuhungu.

Uwo mwana amaze kuba ingimbi, ababyeyi be barapfa; inzara na yo iza gutera muli icyo gihugu; umwana agatungwa n'ihene ababyeyi be bamusigye. Bukeye umukobwa wihitiraga arabutswe wa muhungu, alibwira ati « uwajya kwhakirwa kuli uliya muhungu yenda yakira iyi nzara, ndetse akangira umugore, byabura akangira umuwa. »

Umukobwa alikora aramusanga, amubwira ko ashaka ubuhake. Umuhungu aramurongora barabana baba aho batunzwe n'inyama z'i hene. Amaherezo aliko ihene ziza gukendera hasigara ihene imwe gusa. Umugabo akayireba akabura intege zo kuyica. Umugore na we agahora amuteze amaso.

Haciye iminsi, nyamugabo yigira inama yo kubaga ya hene, aliko atekereza kuyihalira. Agushakira ubujeni arabwiyegereza, abwira umugore kumushakira umutsima; bisa n'uworosoye uwabyukaga!

JORIJI BANETI

Umugabo abaga ihene ; umugore arateka, ahishiye baralya, ibisigaye umugore arabipfundikira. Umugabo bimulya mu nda, inyama zitatetswe bazitara ku rusenge nk'uko bali basanzwe babigira, baralyama. Umugore amaze gushyirwayo, umugabo akemura ku bwanwa bwe, yenda ubujeni n'ubwo bwanwa abitera ku kananwa k'umugore arangije alisinziliza.

Bitinze umugore aza gukanguka, yumva ibintu bimuhanda ku munwa, akeka ko ali ikirago kimuhanda ; akoze ku kananwa yumvaho ubwanwa, induru arayidehera ati « ili shyano ngushije ndalikwiza he ? » Bumaze gucyu arabyuka, umugabo yisigaza mu bulili.

Umugore atangira gupfuneka yivugisha ati « ibi bantu ndabikika nte ko nta mugore wameze ubwanwa ! » Umugabo asa n'uukangukiye hejuru maze abaza umugore bya nyirarureshwia ikimuliza.

Umugore yenda uruhu yali yiteye arukinga mu maso, oya si ukulira ! Umugabo aramwegera aramubwira ngo niyihanagure, aceceke. Umugore arahora, akuraho uruhu aramwerekra.

Umugabo yifata ku munwa arumirwa. Bigeze aho umugabo ati « mbere kulya ihene uli umugore nabyitaga iby'inzara, nkakwihorera. Ubundi iwacu nta mugore ulya ihene ; iyo ayiliye amera ubwanwa. Ni byo nawe wiboneye.

Yungamo ati « aliko humura nzi umuti wamara ilyo shyano wagushije. »

Umugore ashysts agatima mu nda. Umugabo na we ajya kwitalisha imiti, yiyahilira ibiti abonye byose : ikili imisave, ikili imibilizi, imiravumba, n'ibindi ntazi. Araza arabihonda, arabivuguta, ashysira ku kananwa ka nyamugore, ubujeni n'ubwanwa abikuraho. Umugore ararahira ati « hehe no kulya inyama z'ihene ! »

(Gusoma 5, Hatier Paris, 1975, p. 93)

(Igice cya mbere)



Kera haliho umwana w'ikizeze, akitwa Joriji Baneti. Umunsi umwe, nyina amwohereza kumugulira inshinge ku isoko. Umwana aragenda, amaze kuzigura, agaruka azipfumbase mu gipfunsi.

Ageze mu nzira, abona inyoni yafashwe n'umushibuka iruhande rw'ikirundo cy'ibyatsi byumye. Aliyamilira ati « yoo ! Mbega inyoni nziza ! Kereka nyifashe » ! Agira za nshinge azishinga muli bya byatsi, yanga ko zimububa gukoresha amaboko yombi. Amaze gufata ya nyoni agaruka gushaka inshinge muli bya byatsi. Atazibuze ga ! Arashaka, arashakaaa... Aho mugabo abona rumwe, izindi arazibura !

Bigeze aho, nk'aho yagatashye, alibwira ati « Mama ndamuzi, arantonganya ndetse arankubita. Reka nshire ubute nzishake, sinamukira ! » Dore rero na we ngo yungutse ubwenge,

ashinga ku byatsi abiha inkongi ngo aze gushakira inshinge mu ivu. Mbese ubwo yali kuzibona? Erega ntiyali ikizeze, yali akabije! Nuko amaze guheba, ataha yifashe mapfubyi. Nyina yumvise uko byagenze, ararakara, niko kumubwira ati « wa cyontazi we, imifungo ibili y'ishinge ni yo wagombye gushinga mu kirundo cy'ibyatsi ?

Wabaye wazitungaga ku kuboko kw'ishati? Pu!! Dore enda jya gutyalisha iyi suka, cyangwa na yo uyite!»

Joriji isuka arayibatura, agenda yishimye, kuko nyina atamukubise. Aho muzi uko yabigenje bamaze kumutyaliza? Umusa w'isuka yawushinze mu kuboko kw'ishati irashishimuka. Nyina amukubise amaso, n'ishati yacitse, atera hejuru ati « wa njiji we, urabona ngo urapfumura umwambaro wawe? Wabaye watwaraga iyo suka ku rutugu! Cyono jya gucyura ingurube ili hepfo haliya mu njumbure!»

Joriji agenda ubwo; abonye ingurube, yibuka ibitutsi bya nyina, niko kuyiterera ku rutugu. Ya ngurube igira ugutwi kwa Baneti irakuha. Noneho nyina amubonye induru ayivaho, ati «yobobobo!! Wa gipfu we, ingurube yalinze kuguba ugutwi ureba iki? Wabaga wazaga uyikurura inyuma yawe? Ntacyo uzimalira, noneho ndahebye! Cyono jya kwa Veronika gutira inkono yo guteka inyama!»

Joriji Baneti yiruka ubwo no kwa Veronika mu gacyamo. Amaze gushyikira inkono, ashumika umugozi mu mukondo, agenda ayikurura inyuma ye. Hogi, Hogi, Hogi!!! Igikono na cyo kiramuhima, kigenda cyenda kumuca ibitsi inzira yose. Ageze mu irembo; nyina amukubise amaso, ati « shyuu! Joriji we nibakureke, uli inka mu zindi! Nanje ngo uli inka. Ashwi na yo ntuyigejeho! Nkuyeyo amaso, sinzasubira kukwakura; ejo ntaziruka ku gasozi kubera wowe!»



Nyamara nta mubyeyi ucika ku mwana we. Baca umugani ngo « ubyaye ishyano aralyonsa ». Bwagiye kwira, nyina aramubwira, ati « mwana wanje, ni wowe mfite wenyine, ni wowe nkunda, ntukababazwe n'uko ngutuka ; mba ngira ngo uce akenge nk'abandi bana. None dore ngiye kugura umunyu n'urusenda byo gushyira mu nyama kugira ngo zize kulyoha, usigare unshaniye ndatebuka. Nubona inkono igiye gukama ntaraza, wongeremo utuzi dukeya. Uramenye ntushyiremo menshi ataza kubishya umufa! »

Nyina amaze kugenda Joriji asigara ku nkono, ahutagira umuliro, acucagira amazi make muli ya nkono. Bigeze aho agira inyota nuko ajya kunywa divayi. Idebe lya divayi lyali literetse ku gisanduku hamwe n'andi, lifungulirwa mu ndiba uruhande rumwe. Amaze gufungura ngo anywe, yumva umurangu uratunguye. Ahaguruka bwangu yibagirwa gusiga afunze lya debe, ajya gculira amazi mabisi muli za nyama. Agarutse kunywa divayi, asanga yashiliye hasi. Atera hejuru, ati « ye baba we, noneho mama aranyica! » Aratekereza ati « ibyiza ni ukubihisha. » Nuko akurengera ku mufuka w'ifu ayinyanyagiza mu kiziba cya ya divayi.



Inkoko yaraliraga imwikanze irakokoza. Baneti ayumvise, ayibwirana umujinya, ati « ceceka wa ndondogozi we ; uramenye utaza kubibwira mama ! » Abaye akibivuga ayitera bigezo umujugujugu w'umuhoro ayigesa akajosi, iracuranguka. Abonye ayishe arataka, ati « ye baba we ! noneho amagi azaralirwa na nde ? Reka njye kuyaralira mu kigwi cyayo. » Nuko Baneti ajya kubunda hejuru y'amagi.




Nyina arashyira araza.

- Joriji, Joriji uli he ?
- Ndi hano mbundikiliye amagi, kuko nishe ya nkoko !
- Wishe ya nkoko ? Wayihoye iki ?
- Yashakaga kundega kuko nangije ifu.
- Wangije ifu ute ?
- Nayisutse mu kiziba cya divayi nali maze kumena.
- Wamennye divayi yose yali mu idebe ? Mbega igihu cya Nyantango !
- Mana y'ijuru, noneho tugiye kuzamera dute ? Dusigaye iheruheru !
- Dusigaranye amaso yo kulira gusa. Dupfuye rubi, rumwe rw'imbwa zitungwa no kugonðoza rubanda no kuyoboza amacuti.

Nuko nyamugore asohoka alira, ahetse amaboko. Joriji Baneti amwoma mu nyuma. Bwali bumaze guhumana ; umuntu yajya kurora undi, akabanza gushishoza.

(**Gusoma 4**, Edit. A. de Bœck, Bruxelles, 1975, p. 27)

INZOKA



Inzoka ni inyamaswa iteye ku bulyo butangaje. Igira umutwe mutoya aliko urwasaya rwayo rukaba runini cyane. Zimwe zigira umubyimba wiburungushuye, izindi zikagira ubwataraye. Umubyimba wayo kenshi uba muremure, ndetse ngo hali n'izigira uburebure bwa metero cumi. Uruhu rwayo rukunda kugira amabara meza. Inzoka irumva aliko ntigira amatwi agaragara inyuma. Amaso yayo ntashobora kureba hilya no hino kandi atwikiliwe n'utuntu tumeze nk'indorerwamo, tuyibuza gutokorwa.

Naho iyo igenda ahantu hasennyne cyane kandi hanyerera nko ku kirahuli cyangwa ahahomesheje sima, ilizunguza aliko ntive aho ili. Inzoka zimwe z'inkazi iyo zigenda mu ishyamba cyangwa ku butayu buliho amabuye, zigenda zikubanga, zihuta cyane. Haliho n'izulira ibiti.

Inzoka nyinshi zitera amagi mu bijyo, mu bimene by'amatafali cyangwa by'amategura, mu birundo by'amabuye, no mu myobo. Aliko ntiziralira ayo magi. Izindi nkeya, nk'impili, zirabwagura, amagi yituragira mu nda, ibyana bikavuka bigenda.

Ku isi hali amoko menshi y'inzoka, ndetse ngo yaba agera ku bihumbi bibili n'imisago, naho mu Rwanda yaba ashayitse mirongo ilindwi n'atanu. Muli izo nzoka twavuga uruziramire, inshana, ingambira, inshira, impili, ifuha, imbarabara, insharwatsi, ikilyambeba ...


Inzoka yirwanaho kwinshi, ikoresha ubumara, ikihinduranya yigana iy'inkazi kuyirusha ibyo bigatuma itinyika cyane. Igafata ibara ly'ahantu ili, bityo ikagaragara biruhanyije nk'uruvu. Haliho izihisha mu mashyamba nk'inshana n'ingambira, zikitendeka ku mashami y'ibiti.

Abantu banga inzoka kuko zirumana, zimwe zikagira ubumara bwica. Nyamara zifite akamaro: Zilya imbeba, ibivumvuli, kagungu, inzige, ibihore, n'ibindi. Inini bazikuraho impu zikorwamo inkweto, udukapu, udusakoshi n'imikandara. Mu bumara bw'inzoka, abahanga mu buvuzi bakuramo imiti ivura abo zaliye, ikingira abo zitararuma n'indi ivura izindi ndwara.

Kenshi inzoka ilya umuntu ishaka kwirwanaho, n'iyo uyendereje, ntiherako ikulya. Muzarebe nk'bilyambeba, ntawe byakura, keretse ubirakaje bibona ko ashaka kubyica.

(**Gusoma 3**, Edit. A. De Bœck, Bruxelles,
1972, p. 110)

INZOKA N'IGIKELI



Umunsi umwe, inzoka yagiye gushaka icyo ilya, iraheba. Ihindukiye isanga igikeli mu iliba. Irakibwira iti « nzanira amazi yo kunywa. » Igikeli kirayisubiza kiti « simfite ikibindi cyo kuvomesha. » Inzoka iti « pfa kuzamukayo akuli mu nda aramara inyota. »

Igikeli kiratekereza, hashize akanya gato, kirayisubiza kiti « nabera sindabona inzoka inywa amazi yo mu nda y'igikeli, ahali urashaka inyama yanje ! » Inzoka yumvise ayo magambo, ibura icyo isubiza, irasimbuka no mu tliba, ngo dumbuli ! ilibira. Igikeli na cyo cyogera hejuru. Inzoka yuburutse igikeli kilibira.

Umukino ukomeje utyo, igikeli kiratagangara. Hanyuma giturumbuka mu mazi, gifata agasozi, cyiroha mu mwobo w'intozi, ziracyanjama; na wo kiwuturumbukamo, kijya kwicukulira uwacyo. Inzoka ije igikulikiye, yiroha muli wa mwobo w'intozi. Igikeli kibonye ko imaze guhenengeramo,

kirahindukira, wa mwobo w'intozi kiwegekahoh ibuye linini, kirahomera. Intozi zidwinze ya nzoka, icika isohoka, aliko ibura aho inyura. Intozi zirayirumagura, zigera aho ziyica, zirayilya ; igikeli gikira gityo.


Umwanzo agucira akobo Imana igucira akanzu.

(**Gusoma 3**, De Bœck, Bruxelles, 1972, p. 114)

UMUHINZI N'ABANA BE.



Umuhinzi w'umukungu agiye gupfa, yahamagaye abana be, abashyira ahiherereye, kuko yali afite ibanga likomeye yashakaga kubabwira. Ati «bana banjye, mbaraze imilima yanje, aliko muramenye ntimuzayigulishe kuko yihishemo ubukungu bwinshi. Cyakora sinzi uruhande buherereyemo. Muzakwikire amasuka, muyilime, muyitabire, muyiteremo imyaka yose, muzagera kuli ubwo bukungu.»



Uwo mubyeyi amaze gusaza, abahungu be bafata amasuka, maze si uguhinga, isambu yose barayitaganura bibwira ko bazasangamo zahabu cyangwa amafaranga menshi. Aho babuze bwa bukungu bakahatera imyaka cyangwa se ibiti, bilimo ibyera imbuto zilibwa.



IGISHEKE



Iyo milima bayihinze neza, bayihingana umwete; maze si ukwera! Basarura imyaka, bahunika ibigega birasaguka, bubaka ibindi ; barakira karahava. Ni bwo bwa bukungu se yali yarababwiye.

Natwe duhagurukire gukora, dukoresha amaboko yacu. Umulimo ni wo soko y'ubukire kandi iyo ukoze neza utera ibyishimo.

(**Gusoma 3**, Edit. A De Bœck, Bruxelles, 1972, p. 14)

Igisheke ni igihingwa cyenda kumera nk'ikibingo kibyibushye. Bakeka ko gikomoka muli Aziya y'epfo. Umubyimba wacyo ugizwe n'ningingo nyinshi. Igisheke gishobora kuba kigufi cyangwa kirekire; gishobora no kugira ingeli ngufi cyangwa ndende byose biterwa n'ubwoko bwacyo cyangwa ubutaka kilimo. Haliho ubwoko bw'ibisheke bushobora kugira uburebure kuva kuli metero ebyili kugera kuli eshanu.

JORIJI BANETI

(Igice cya kabil)

Iningo z'ibisheke by'ubwo bwoko zishobora kugira uburebure buli hagati ya santimetro indwi na santimetro makumyabili n'ebibili. Ubusanzwe igisheke ntigishamikira hejuru y'ubutaka.

Ku gitsina cyacyo havuka ibishibuka.

Mu butaka bwiza igisheke gishobora kugira kuva ku bishibuka cumi kugeza kuli makumyabili.

Iyo igitsina kimaze igihe kirekire mu butaka, gishibuka ibisheke byinshi aliko bikaba bitoya. Imizi y'igisheke ntiyuma vuba. Ku ningo z'igisheke haba amababi agaramye, yashobora kugira metero ebyili z'uburebure. Igisheke kigira iningo ziteye nk'iz'urubingo.

Batera ingeli zifite amapfundo, aliko izera neza ni izo ku gice cyo ku mutwe. Iyo bamaze gutunganya umulima bawucamo utugende duteganye dufite santimetro makumyabili n'eshanu. Utwo tugende bakaturambikamo ingeli zifite nka santimetro eshanu kandi hagasigara metero imwe hagati y'ingeli.

Mu mezi atatu ya mbere, ibisheke babibagara buhoro babisukira aliko bakabigira kenshi. Umwaka ujya gushira twa tugende tumaze gusubirana. Ubwo bagatangira kujya basukira cyane. Ibisheke by'ubwoko bwiza kandi bitewe mu butaka bwiza, bishobora kwera hashize umwaka. Amoko atinda ashobora kugeza ku mwaka n'igice.

Iyo hashize ibyumweru bibili cyangwa bitatu bamaze gusarura, ibitsina bitangira gushibuka. Igitsinsi bashobora kugisarura ibihe bitanu cyangwa bitandatu, aliko rero umusaruro uhora ugenda ugabanuka.

Ibisheke ni ingirakamaro cyane kuko bibyara isukali. Barabihekenya kandi ibibabi n'ibikatsi byabyo bigabulirwa inka.

(Gusoma 3, Edit. A De Bœck, Bruxelles, 1972, p. 123)




Wa mubyeyi abonye ko umuhungu we amukulikiye, aramukomera, ati « uragwa hehe Joriji we ? »

Pfa gusiga ushitse urugi wa cyontazi we ! » Nuko Baneti arakimirana n'imuhira, agira rwa rugi arushikanuza ku mulyango, aruterera ku mutwe, akulikira nyina. Undi ashubije amaso inyuma, abona Baneti n'urugi ku mutwe, arumirwa ati « ili shyano ndalikika nte ! »

- Wa kizeze we, ni nde ukubwiye gushikuzaho urugi?
- None se si wowe umbwiye ngo ndushike?
- Sinali nkubwiye ko urukuruliraho gusa, kugira ngo nibura dusige rwegetse ku mulyango?
- Nuko rero numvise nabi. None se mbigire nte?
- Shyuu! Ni ishyano, limwe libi litagira gihanura!

Nuko Joriji na nyina barakomeza baragenda. Hashize umwanya, bumva amajwi y'abantu imbere yabo. Nyamugore ubwoba buramutaha, nuko abwira umuhungu we ati « turashize ; reka twulire igiti, abo wumva ni abanijoro »



Hashize umwanya, Joriji abwira nyina ati « mawe ! Ndakubwe ; ndumva nshaka ku ..., kandi sinshobora kwihangana. »

- Ikomeze wa kiroge we batatwica !
- Sinabishobora, kandi sinagerageje kwihangana kera gake ! Uruhago rurenda gutulika. Birabe uko byakabaye !

Agize ngo ararekura, inkali yose iboneza muli ya nkono y'ibisambo. Naho bya bindi « ego ko, ngaho rero imvura yagwa ! Eee ! Irahise uno mwanya ! Ahali ni intonyanga. Ntacyo bitwaye aliko ! Ikvuye mu ijuru kikagwa mu nkono kiba ali cyiza. » Ibisambo ntibyabyitaho, byikomereza kubarura amafaranga ; ni na cyo cyali kibibabaje ngo hatagira ikizimba ikindi mu migabane.

Joriji amaze akanya, yongera kongorera nyina ati « ntabwo urugi rurandemereye ; ibinya bimaze kuza mu mitsi, ndumva rwenda kunshika. » Nyina aramutwama ati « rukomeze wa kivume we, batatugilira nabi. »

Urugi rumanuka hejuru no hagati ya bya bisambo ngo « pi ! » Umutima ubihubukamo, bikwirwa imishwaro, byiruka amasigamana. Kibuno mpa amaguru, kibuno mpa amaguru ! Bigenda bitarora inyuma ; bimwe biti « twakulikiwe. » Ibindi biti « ijuru ligiye kutugwira ! »

Joriji na nyina babonye byirutse bamanuka ubwo batangira kuyoragura bya bifaranga. Buzuza imifuka, ibindi babitonda ku rugi, bafatanya kurwikerera, basubira imuhira bishimye.

(**Gusoma 4**, Edit. A. De Bœck, Bruxelles,
1975, p. 31)

UMWUKA N'UMUYAGA

Iyo ujugunye urupapuro cyangwa ikibabi hejuru y'itara lyaka, urumuli rwalyo ruranyeganyega; haba ubwo tubona amashami n'amababi y'ibitibihungabana; iyo inkono ili ku ziko imaze gushyuha cyane, ubona ishaka guta igipfundikizo cyayo, iyo kitaremereye; iyo twitegereeje mu kirere kensi tubona ibicu bizerera hejuru yacu: ibyo byose biterwa n'uko hali umwuka.

Umwuka uli ukubili: hali umwuka ushyushye n'umwuka ukonje. Umwuka ushyushye uharanira kuzamuka, nk'uko tubibona ku nkono imaze gushyuha. Umwuka ukonje uharanira kujya aho ushyushye uvuye. Ilyo bisikana ly'umwuka ushyushye n'ukonje ni lyo libyara umuyaga.

Umuyaga urahuha, urahuhera, urahuhuma, uhungabanya ibiti, ulirukanka, ukandurukana amababi n'umukungugu. Amoko yawo ni menshi aliko ay'ingenzi ni aya: agashurushuru, ishuheli, serwakira, inkubi na ruhuhuma.

Agashurushuru ni umuyaga uza utazi aho uturutse, ntukwire hose, ugasa n'uboneje inzira imwe, ukazana umurego aliko ugahita vuba. Ni wa tuyaga mubona wikanaga ku mbuga ukayora umukungugu n'amababi, byagera ku muntu bigasa n'ibimwizingiraho.

Ishuheli ni umuyaga uhuhana umutuzo, ugasa n'uvugiliza cyangwa uvuza ubuhuha mu biti; akabeho kawo wumva gacengera mu mibili.

Serwakira ni umuyaga mubi: uzana inkibili nyinshi ugahitana ibyo usanze mu nzira yawo, limwe na limwe ugasambura amazu cyangwa ukayasenya. Uwo tuyaga ntumara igihe kirekire.

Inkubi ni umuyaga ufite amakare n'ubukana bwinshi nka serwakira, nyamara aliko na yo ntiyoroshye. Ni yo mubona igusha ibitoke, igahwanyuza amashami y'ibiti, ikagusha amasaka, ikayaralika mu mulima. Inkubi ntigira igihe, ishobora kuza igihe cyose cy'umwaka, aliko ntitunda kuza ku mpeshyi.

Ruhuhuma ni umuyaga mwinshi kandi mubi cyane, uvuga nk'uhuma, ni na ho ukura ilyo zina. Ruhuhuma ikunda kuza ku muhindo, ikagusha ibitoke ikaralika. Ruhuhuma ntitererwa inzego cyangwa ngo izilikirwe ibitoke, kuko ihuha iturutse impande zose. Iyo ijya kugusha ibitoke cyangwa ibindi, irabanza ikabiburabuza, ikabikoza hilya no hino. Ruhuhuma ni wo tuyaga ukomeye, umara igihe kirekire uhuhuma.


Umwuka cyangwa umuyaga ntibigira ibara, ntibigira impumuro kandi ntibifatika. Ntidushobora kubona umuyaga, ahubwo tubona ibyo ugurukanye cyangwa ibyo uhungabanya.

Umuyaga mwiza ufitiye abantu n'ibintu akamaro: usimbuza umwuka mubi umwiza, utuma ibicu bikoranira mu cyoko imvura ikagwa. Ndetse haliho n'amato atwarwa n'umuyaga.

Unakoreshwa mu bintu byinshi: nko mu mashini, mu maduka n'ahandi. Umwuka utabayeho n'ibinyabuzima ntibyabaho.

(**Gusoma 3**, Edit. A. Bœck Bruxelles, 1972, p. 135)

RUHATO N'AGASAMUZULI



Habayeho umugabo Ruhato akaba n'umuhigi. Umunsi umwe ajya guhiga, avumbura agasimba yilirwa akirukaho ageza nimunsi atarakica. Amaze kunanirwa abaza ako gasimba ati « wa gasimba we uli iki ? » Karamusubiza kati « ndi agasamuzuli ka muzuzuli, gasura ntikanutse, kakwicwa ntikalibwe, kalibwa ntikanebwe. »

Umugabo ati « Ruhato nkvice ! » Agasimba karahagarara arakica agiye kukkorera karamunanira. Umugabo arongera ati « Ruhato nkwikorere ! » Agasimba karareka arakikorera akajyana imuhira.

Akagejeje mu rugo agize ngo aratura ka kanyagwa kanga kumuva ku mutwe. Arongera ati « mbe wa gasimba we uli agaki rwose ? » Agasimba kamusubiza nka mbere kati « ndi agasamuzuli ka muzuzuli, gasura ntikanutse, kakwicwa ntikalibwe, kalibwa ntikanebwe. »

ntikalibwe, kalibwa ntikanebwe. » Umugabo ati « Ruhato nguture ! » Agasimba kareméra aragatura. Umugabo na we atyaza imbugita ayitikuye ka gasimba yanga guhita. Ruhato ati « wa gasimba we uli iki ? » Kamusubiza nka mbere. Umugabo ati « reka nkubage ! » Kareméra arakabaga; arangije barateka. Inyama zimaze gushya, umugore agize ngo aragabura, inyama zanga kuva mu nkono. Umugabo ati « wa gasimba we uli iki ? » Agasimba kamusubiza kwa kundi. Umugabo ati « reka nkulye ! » Agasimba kareméra kava mu nkono arakalya. Umugore abibonye abwira umugabo we ati « kandi wa mugabo we ntuzisazira, wabonye he inyama zilibwa zivuga ! » Umugabo ati « ceceka wa mugore we nyihera umutsima gusa maze nkwerekel ! » Umugore ati « uko bili kose sinsangira na we. » Umugabo ati « zireke nzilire n'ubundi ni njye zaruhije ! »

Umugabo atangira kulya, abwira umugore ati « aliko wakwiiliye, ubwoba bugiye koko kukwicisha ipfa n'inzara ! » Umugabo alilira arangije aralyema.

Igicuku kinishye, nyamugabo ashaka kwituma, agezeyo biramunanira, ati « wa mugore yambwiye ukuli. » Arakomeza arahatiliza aliko biba iby'ubusa. Ni ko kuvuga nka mbere ati « mbe gasimba uli iki ? » Na ko kati « ndi agasamuzuli ka muzuzuli, gasura ntikanutse, kakwicwa ntikalibwe, kalibwa ntikanebwe. » Umugabo ati « reka nkunyye. » Agasimba kamuturumbukamo kiruka, umugabo na we ahita agwa aho.

Si jye wahera hahera umugabo n'ubusambo bwe.

(**Gusoma 5**, Hatier Paris, 1975, p. 99)

INGWE YIHEKUYE



Ingwe yali ihatse urukwawu, impongo, igikeli n'igitagangulirwa, bukeye ishaka kujya kwa sebekwe. Igufatira abana b'impongo n'ab'igitagangulirwa, ibashyira mu ruhago irarukanira. Ihamagara abagaragu bayo ngo bajyane kwa sebekwe. Ikwika igikeli uruhago rulimo ba bana, urukwawu rutwara itabi lya shebuja, impongo itwara umuheto wayo bishyira nzira.

Ingwe iza kubwira Bakame iti « jya kuntekerera itabi. » Bakame irayisubiza iti « mu bantu haba imbwa kandi zikanzira, ngiyeyo zanyica. » Ibwira impongo iti « igireyo ureke aka kanyabwoba. » Impongo iti « databuja, abantu bakunda uruhu rwanje, ngiyeyo sinabakira. » Ingwe yigirayo, yitekerera itabi.

Ngo itilimuke, Bakame ibwira bagenzi bayo iti « nta kwikorera icyo utazi, nimuze turebe ikilimo. » Zitura igikeli, zipfundura uruhago, zisanga ali abana bazo! Hagenda impongo ibasubiza imuhira; igira ab'ingwe ibakubita muli cya gihago, banze kurwuzura ishyiramo ibisinde. Igitagangulirwa kirarukanira, bigaruka ako kanya.

Nuko ingwe iba iraje, bikomeza urugendo. Biza guhura n'indi ngwe, biraramukanya. Ya ngwe igeze kuli Bakame, Bakame irayibwira iti « ubwenge bw'umwe burayo bera. » Igeze ku mpongo, impongo iti « nteye intambwe ebyili, ntera abana imuhira! » Iramukije igitagangulirwa kiti « nkanira uruhago nkarusha uwrukaniye ejo. » Iramukije igikeli kiti « balima ibisinde bakankorera. » Nuko iyo ngwe ibihatse, ilishima ngo ifite abagaragu bazi kuvuga neza.

Bikomeza urugendo. Bigezeyo, igikeli kiratura kilihungira ngo kiliheje, hasigara Bakame. Ingwe ihamagaza uruhago rwayo, birarupfundura, birajana biralya naho Bakame yisubilira ku mulyango, haciye akanya iranduruka.

Bimaze guhashwa, sinzi uko ya ngwe yarabutswe agahanga k'icyana cyayo iracyitegerezza isanga koko ali akacyo. Ikimwaro n'umujinya birayica, irazenga, ibura aho ikwirwa, igaruka igana mu mulyango, ibura Bakame; irakubirana isubira imuhira itanasezeye!

Igeze mu ndili yayo ibura ibyana, ibura n'abagaragu, yicoka mu ishyamba ngo ihorere urubyaro rwayo, aliko irahebe.

Ngiyo ingaruka y'ubugome!

INDYOHESHABIRAYI

UMUVUGO I

INGURUBE IYOBOKWA N'ABASHUMBA BO MU NGEYO


Rutihunza inzarwe y'isayo
Ingurube zahanitse umulizo
Rwa muturagara ku bijumba
Ni igikoroto cyo mu bikoko
5 Igira ibikobokobo by'ubukombe
Ikizihirwa isanze ibishanga
Ikizimba aho inzarwe iganje
Ikahavurunga ijabo likahava
Ikahacundagura bitavugwa
10 Ikahavogereza ingurube nto
Ikahatengagura cyane
Ngo iz'imicanda zihace
Ikahacogoza ihaconshoma
Ikahahindura amacanda
15 Ikahavura kuba isayo
Ikahalyama humutse
Wayibyutsa ntiyumve
Wayikoraho ueyegereye
Ikagusigaho icyondo
20 Ikagukwiza icyagane
Yakureba igitsure
Ukilinda kuyicyura.
Aho ishakiye gutaha
Ukayikulikira iyo nyumba
25 Ukayireba uko yateruye
Ukayikunda mu ngendo
Ntijorwe mu ibondo
Ukilinda aho yaciye
Ko hanuka bibi cyane!
30 Wayireba itambuka
Ukayirata kuba itungo

Wayikebukamo imihore
Ukayihongera ibijumba.
Uko yatendeje izuru
35 Ku iherezo ly'umitonzi
Ni ko itengura ibivuu
Iyo rwalikamavubi
Ikabihoroba ikabihwanya
Ikabivunja ikabivurunga
40 Aho isohokeye ngo urebe
Ukayikeka kuba imvuzo
Ali ukuzuraho ivu.
Ubwo iteye mu nyambo
Umutware w'Urulyange
45 Yinyuliye ku irembo
Bikanga rwabwiga!
Ingeyo zose zirakubana
N'abashumba barabyuka
Barahamuka barahuropa
50 Imyinjiro yo ikaba itanu.
Bayihimbyamo amakome!
Ubwo ibiruru birahanika
Inzamururo zirahoga!
Uwarusazanye muli bo
55 Yirata kuyitsilika
Amagambo arayaculika
Ayibwira amateshwa!
Ngo « umulizo urawushyire ilya
Na yo amaso uyampange!
60 Wikwigira hilya
Gumya usange ibiraro!
Mu bulyamo nihakonje
Mu ijanja nihashyuhe!
Ntutinde mu igenda
65 Gira uguruke ay'intashya. »
Avugishwa ijoro lyose
Ngo burakeye barareba

PETERO NZUKIRA

(Igice cya mbere)

- Iyo ntamati ibugalije
Yegereye imyugaliro
70 Irahalyama harazibama.
Bayitura izimano
Umutware yohereje:
Icyo gitebo cy'ibijumba
Ngo ikirabukwe ku rukinga
75 Iragisanga igihugiraho
Buguruye ziraturuka!
Umutware w'Ururyange
Yemera ko mu ngabo
Z'Umwami ny'ir'u Rwanda
80 Bayirabukira ibitebo
Bakayoboka ikabatwara
«Indyoheshabirayi».



(Padiri Alegisi KAGAME)

Umunsi umwe, Petero Nzukira yali yiliwe atemera ibishyimbo mu ishyamba. Yali yakoze ataruhuka, kuva mu gitondo cy'urwanaga kugera mu mataha y'inka. Akabwibwi kagiye gukwira ageze imuhira, asanga ibilyo bitarahwana, atangira kuvumagura umugore, ngo ni umunebwe. Umugore aramuhindukirana ati «mbese Petero mugenzi wanje, ko utahanye inabi? Ahubwo, umva ko abagore tuli abanebwe, urareke ejo tuzagurane imilimo: nzilirwe ntema, nawe usigare mu milimo y'imuhira, tuzarebe uzarusha undi kuvunika n'uzarangiza imilimo ye neza.» Petero ati «ndabishimye, wabona ukazumva ukuntu umugabo avunika. None ahali byazagutera kurushaho kunyubaha no kumenya ko ali njye ugutunze.»




Mu gitondo, izuba litaraganya kurasa, umugore atora inkoni n'umuhoro, ajya mu ishyamba gutema. Yagiye yishimye cyane, arushanwa n'inonyoni kulilimba. Petero we asigara imuhiira. Hashize umwanya atangira kwicwa n'irungu ly'imuhira. Aliko yanga kwiheba, agerageza kulirwanya. Niko kubuganiza amata mu gisabo, atangira kuyacunda n'ubuhanga bwinshi! Nk'uko bisanzwe n'ubundi, umulimo mushya utera umwete.

Aliko agasusuruko kamaze gukwira, Petero atangira kuma mu mihogo. Aherako ajya gushakira akayoga mu rwina bataramo inzagwa. Urwagwa rwali rutaze mu gitaliro kinini cy'idebe. Icyo kidebe cyali giteretse ku gasenge k'imitambiko itatu, kandi cyali gifite urufunguliro rw'icyuma mu ndiba. Nuko Petero amaze gukiranura ako kuma kafungaga, agiye gutega ibilika ku mwenge w'igitaliro, yumva ingurube irafutagira amata mu mulyango w'inzu. Niko gutera hejuru ati «amata yanje we,

yashize!» Uko yagafashe ibilika mu ntoki, ahita yiruka, maze asanga igisabo gihennyne n'ingurube yigaragura mu kiziba cy'amata. Ingurube imubonye ishaka guhunga, igihe igiye kumucaho, ayiguherereza ibilika mu nsina y'ugutwi, ingurube yikubita hasi, irashya limwe gusa! Igihe akiyikorakora yicuza icyo akoze, yibuka yuko yasize adafunze igitaliro, ahubuka nk'iya Gatera, yihina mu mwobo, anyerera mu kiziba cy'urwagwa, yicura intembe. Abyutse asanga cyakamye.

Nuko Petero Nzukira ava mu mwobo ajejeta inzoga. Sinakubwira isoni n'agahinda yali afite. Reka inyota yo, yaramusibaga! Aragenda yegura igisabo ajya kukibuganizamo andi mata. Igihe icunda aligejeje hagati, yibuka ko inyana ikili mu ruhongore.




ISEG A N'INZIGO

Ati «yooo! Dore amanywa amaze gukamba, kandi sindahura inyana!» Aherako aliruka, ajya gukingulira Sine. Aliko kugira ibyago bitera kumenya ubwenge. Yamaze kuzitura inyana alibwira ati «ubwo nasigaranye n'umwana w'igitambambuga, nkaba kandi ngiye kuvoma, iki gisabo ningisiga aha ngaha, ali-buze kugihilika. Ndamuzi ni inkubaganyi. Naba kandi nongeye gupfirwa ubusa.» Nuko akizilika mu ijos, kigenda kinagana mu bitugu. Atora akabindi, ajya kuvoma amazi yo kuhira Sine. Igihe yunamye kudubika ikibindi, amata yo mu gisabo aseseka mu mutwe no mu iliba.

Nuko Petero yunamuka mu iliba, ati «ibi ntabyo! Nta mata, nta mavuta nteze kubona uyu munsi. Reka gusa njye kuhira inyana, nayikeneshje rwose, ntikigiye kulisha. Inzu yanje yamezeho ubwatsi bulyoshye kandi bwinshi, ndetse nayijugunyeho n'ibishazashaza byinshi. Henga njye kuyuliza, ntacyo bitwaye uruhiza rwayo rurakomeye, kandi hasi yubakishije amubuye manini!»

Inzu ya Petero yali yubatse munsi y'umugunguzi muremure; mu rubega rw'umugunguzi hareshya n'ubutaka. Petero niko kuhatambika ikibaho kinini; cyambukiranya inzira n'uruhiza rw'inzu, abona kucyulizaho inyana ye.

(**GUSOMA 4**, Edit. A De Bœck, Bruxelles,
1975, p. 139)



Kera isega yinjiye mu nzu mu gicuku, igwa mu ngunguru ilimo inzigo y'umukara. Mu gitondo nyil'yo nzigo araza, ngo akubite amaso iyo sega akeka ko yapfuye, ayikuramo ayijugunya ahantu mu rubingo, isega yifatira iy'ishyamba.


Izindi nyamaswa zayibona zikayitangalira, ziti «ako kabara keza wagahahiye he?» Iti «ntimwahamenya. Ubu ndi umwami

wanyu, ntabwo ndi isega nka mwe.» Sibwo zitangiye kuyihakwaho! Biratinda, izo sega zisanga ifite imyifatire nk'iyazo. Zibijyamo impaka, ziti «muli ili joro turayigenzura, turebe ko atali isega koko.»

Ijoro lilimbanyije, zirayishagara.
Zirasakuza, zirataka cyane, ya yindi na yo yumvise urwo rusaku, iliyibagirwa na yo irasakuza. Isega zose ziyumvise, ziraseka, ziratembagara. Ziti «turakumenye rero ntukili umwami wacu, uli isega nkatwe.» Ikimwaro kirayica, aliko ntiyazihishulira aho yakuye ilyo bara.

(**Gusoma 3**, Edit. A De Boeck, Bruxelles, 1972, p. 12)

UTAZI UBWENGE ASHIMA UBWE



Intare umwami w'ishyamba yarwaje umwana, ibura ibototsi ikajya irara yomongana mu ishyamba lyose, iboroga bicika, ililira icyana cyayo. Ibaza imiti biba iby'ubusa, umurwayi akomeza kuremba kuko n'indwara yali yarayo beranye.

Intare igeze aho yigira inama yo gukoranya ingabo zayo ngo izibaze umuti wayikiliza umwana. Buli bwoko bwose bw'inyamaswa bwohereza umuhanga bwiyizimo kubuhagaralira. Inama y'abahanga ikabamo ingwe, ingeragere, umuhali, inzovu, imparage, amasatura n'izindi. Indwara iranga irayo berana, imiti igeragejwe ikabisubiza irudubi.

Abahanga bamaze gushoberwa, nyiramuhali yali ifitanye akantu n'ikinyogote ishaka kukiroha. Nibwo ibwiye intare iti

«Nyagasaki, naje aha mvuye mu rugendo rwa kure kandi nahabalije imiti myinshi none nagira ngo mbabwire umuti wakiza umwana.» Intare iyikubita urwara iti «maze ugatinda bigeze aha ngaha!» Nyiramuhali iti « nimurase ikinyogote, umwana anywe amaraso yacyo ashushye, ahage, dusigarane umulimo wo kumwondora.»

Ikinyogote kibyumbise gihinda umushyitsi. Kiraza n'imbere y'intare gikoma yombi, amavi kiyalimiza mu butaka, kiti «Nyagasaki, sinakwemera ko umwana wawe apfa kandi nashobora kumuvura, ubuzima bwanjye ntiburuta ubwe. Cyakora narenzweho, nanje uwo muti nali naje nywazi aliko nyiramuhali yawibagiweho ikintu cya ngombwa. Naho twawukuye ndahababwira: tuhya kuza mu nama, twagiye kuli ba bandi bagendera ku tuguru tubili, baratubwira bati «ni mwe mwembi umuti uzaturukaho. Bazashake ubwonko bwa nyiramuhali, babuminjiremo amaraso y'ikinyogote, umwana abilye, azakira.»


Izindi nyamaswa ziteze amatwi ziti «nimugire bwangu umwana ataducika !» Nuko nyiramuhali bayica agahanga, baragasatura bakuramo ubwonko. Ikinyogote bakivoma amaraso mu mutsi w'ukuguru bayaminjira mu bwonko bwa nyiramuhali babisuka icyana cy'intare.

Inama irangira ityo; ikinyogote kigenda gicumbagira n'ubundi aliko cyali kibisanganywe, kuko cyali kimaze iminsi bagitereye umujuguju mu myumbati.

Hashize iminsi ibili, ruranga rutwara cya cyana cy'intare.

(Gusoma 5, Hatier Paris 1975, p. 74)

INZOZI Z'UMUNTU W'UMUKENE



Hali umugabo wali umukene, atunzwe no kwikorera imizigo bakamwita umudeyideyi. Umunsi umwe, ali mu nzira yikoreye aza kunanirwa, aratura, maze alicara ngo aruhuke. Uko yakicaye, asinzilirako maze ararota.

Mu nzozi ze, asubira mu by'imibereho ye: ukuntu yakoraga ataruhuka kandi ntagire ikimutunga gihagije. Muli uwo mwanya hagoboka umwana w'umusore, maze aramubwira ati «numvise amaganya yawe, nsanga ubabaye cyane, none unsabe icyo ushaka cyose.» Umugabo, kubera ubutindi yali afite amusubiza atabanje gutekereza, ati «Nyagasaki ndagusaba ngo ikintu nzajya nkorocho cyose kijye gihinduka zahabu.» Umusore aramusubiza ati «nagize ngo uransaba ikintu gifite akamaro; none ni icyo unsabye! Cyakora kuko ali cyo ushaka, ngaho bibe uko ubyifuza.» Amaze kuvuga atyo arazimira. Nuko umugabo

INYONI


ashaka kureba ko ibyo wa musore amaze kumubwira ali byo, afata ingata ngo yikorere umutwaro, ingata ihinduka zahabu. Agiye kureba asanga n'ibyo yali yikoreye byose byahindutse zahabu nsa! Mbega ibyishimo! Umugabo asimbukira hejuru, maze ati « ahandi he no kuzongera kwilirwa nkora! Kuva ubu nzajya ndya icyo nshaka cyose, nywe inzoga nshatse yose, aliko cyane cyane ubuki. Hehe n'ubutindi kandi! Nzongere kunywa amazi ukundi! »

Hashize akanya, afata impamba yali yitwaje ngo asezere ku butindi. Agifata ikijumba ngo atamire abona gihindutse zahabu. Yitabaza amazi ngo asome, yasoma amazi ntaze, kuko na yo yali yahindutse zahabu. Umugabo biramushobera, niko kuvuga ati «ndabigenza nte? Umuntu ashobora kubeshwaho n'amabuye? Ko nduzi ndya ngasanga ali amabuye? Nanywa amazi ngasanga ni kwa kundi? »

Ntabwo nikoreye ilya Kabara! Iyaba nali mbonye uwo nihera yi zahabu yose akanyisubiliza ibijumba n'amazi byanje nagayaga. Mbaye nka wa wundi ngo wabonye isha itamba agata n'urwo yali yambaye! Nagatangaye data uwo muntu wangiliye impuhwe! Ntiwali umugisha wali rugurumira! »

Nuko akili muli ibyo, aliko atarabona umusubiza, arakanguka maze asanga yarotaga, ati « mbega amahirwe, bya bindi byose ni inzozi! Imana irakarama! Sinzongera kuralikira ibyo ntashoboye kubona, ahubwo nzatungwa na duke twanjye. »

(Gusoma 4, Edit. De Bœck, Bruxelles,
1975, p. 118)



Inyoni igira amaguru abili, amaboko abili, umunwa usa n'usongoye kandi n'usadutse, ikagira n'amoya menshi ku mibili. Amaboko y'inyoni alihos amababa maremare atuma zishobora kuguruka. Zigira amoko menshi n'amabara menshi. Ayo moko ali mu byiciro bibili: hali inyoninini hakaba n'intoya.

Inini zitwa ibisiga, na byo bikagira amoko menshi. Ibiboneka cyane mu gihu cyacu ni ibi: igikona, inyange, uruyongoyongo, umusambi, ikigagali, icyanira, sakabaka, igihunyira, agaca, kagoma n'ikizu. Bimwe muli byo bilya inyonintoya.

Intoya na zo zifite amoko menshi. Abahanga mu bumenyi bw'inyoni bavuga ko amoko y'inyoni nini n'intoya agera ku bihumbi bibili. Inyonin toyabuona akenshi ino ni nk'ifundi, inyamanza, isandi, umununi, umusure, igishwi, inyombya, intashya, inuma n'inkware.

Inyoni zimwe, cyane cyane inini, ntizikunda kuba hafi y'abantu. Hali izibera bugufi y'amazi magali, zikamenya koga no kuroba. Izindi zigurukira mu kirere zihiga ibyo zilya.

Inyoni zigilira abantu akamaro, usibye ko zona imyaka. Zimwe zica inzoka, amafuku, imbeba, isazi, imibu n'utundi dukoko dutera abantu indwara. Hali n'izigira inyama nziza nk'ikigagali, inkware n'inuma, zikagira n'amagi alyoha. Amababa yazo ino bayatanagisha imyambi kandi bashobora no kuyakoramo ingofero.
Si byiza rero kubonera inyoni kuyica!

(**Gusoma 3**, Edit. A. De Bœck, Bruxelles,
1972, p. 105)


NDABAGA



Umugabo yabaye aho, bukeye abyara umukobwa amwita Ndabaga. Yamaze kumubyara, asiga ali uruhinja aratabara. Arahaba, nuko yabona uturutse iwabo, akamubaza uko umwana we angana. Bakamubwira ngo amaze kuba mukuru. Abandi batabaranye na we bagakurwa bagataha, we akabura umukura, kuko yali yaravutse ali umwana umwe, na we akaba yaratabaye atarabyara umutabazi.

Ndabaga akura atazi se, amaze kumenya ubwenge, yiga gusimbuka no kurasa. Aho kwitoza imilimo y'abakobwa, akihata imilimo y'abahungu gusa, abandi bakabiseka batazi icyo abigilira.

ICYIVUGO CY'IMBEBA



Ndabaga yashakaga uko yazajya gucungura se mu itabaro kuko yali ahamaze imyaka itabalika. Ndabaga yaragiraga inka akazishora, akazicira icyalire, akazisasira, akazikenura ku bulyo bwose.

Ndabaga amaze kuba inkumi, ajya mu bacuzi, abasaba kumuca amabere, ati «kandi nzabahemba.» Amabere bayamukilizaho, bamwomoza imigera icanye. Amaze gukira abwira nyina ati «ngiye gucungura data, dore iki gihe cyose amaze ibwami!»

Ndabaga araboneza ajya gutabara. Ageze mu rugerero, aboneza asanga se, nta we abajije, aramwibwira. Nuko bajya ahiherereye. Ndabaga abwira se ko yize imilimo y'abahungu ku bulyo nta muhungu umurusha gusimbuka cyangwa ngo amurushe kwivuga cyangwa kurasa. Ati «ejo uzazinduke utaha nzagusigalira ibwami.»

Buracya se arataha. Ndabaga aba aho, aba intwali, ibyo yakoraga byose yabikoranaga umutima w'isuku no kugira imbaraga zitangaje; ibyo byose bigera ibwami, umwami aramushima.

Biratinda baza kumenya ko Ndabaga ali umukobwa! Babibwira umwami, biramutangaza cyane, ati «nta mukobwa ugire ubutwali nka wel!»

Nuko umwami ahamagaza ingabo zali mu itabaro ati «nimutahe ibintu byageze iwa Ndabaga! Mbega n'iyo byageze u Rwanda rusigaye ruhuruza n'abagore!»

Umwami abaza Ndabaga inka yanyaze! Ndabaga ati «ni nyinshi.» Umwami azimugororera zose kandi ati «ugende ubwire so ko yabyaye!»

Ni aho imvugo yavuye ngo «ibintu byageze iwa Ndabaga!»

(**Gusoma 5**, Hatier Paris, 1975, p. 119)

Rwikubira ikubije umurama
Urwa gituza,
Ni igituna cy'ifigi:
ntikangwa n'inzu y'insoko
5 Igira aményo y'urugaga,
Mu rugamba rw'izindi ntaza
Zikabana n'injorojoro,
Zajaganyiliza mu musego
Zikabuza abantu gusinzira.
10 Zitura ku mbaliro
Ukagira ngo ni imilindi y'imbogo!
Izo mbeba zihuje imikaka,
Aho no gukubagana zirabizi!
Zibasiye mwene Ruhaya
15 Zimuba za guhumeka:
Agiye guhindukira,
Zimugira umugambi


Wo kumugaragaza ho inguma.
 Zilimo iy'inyulizi,
 20 Ihinda iva mu gisenge;
 Amenyo irayakubira
 Imutebeza imikaka
 Mu kirenge cy'ibumoso
 Imaze kugitangaza
 25 Yihuta ivuga ibigwi,
 Iti « uw'inkuba ya Rufigi
 Muraze mumurore
 Ntagitera umugeli!
 Ubwo musanga adaciye
 30 Sintahé mu muhenó! »
 Zigwiza isahaha
 Zigumya kujwigira.
 Zikabamo iy'injorojoro
 Ihinda iva mu gishanga,
 35 Ntiyarushya ijajaba
 Yazirushaga kwisha imikaka
 Ihangiye mu birenge,
 Amano iyatera ibibaru
 Umenya ngo arwaye urubara.
 40 Igaruka yirahira
 Iti « uw'inkuba izira amabano
 Muraze mumurore
 Ubwo musanga adaciye
 Simparagate ibyahi! »
 45 Abicaye mu kirambi
 Bumva imbeba z'ifigi
 Urwo rugo zirwigabije
 Na we Rwakabwa asohotse
 Ubwoba bumusaragiza,
 50 Asanga inkike y'epfo;
 Ahura n'iy'urutaza
 Imutanga ku mugende
 Imuciramo ay'imigera.

Yose agasa n'ingembe!
 55 Ntiyarushya agomborwa,
 Iyamugeza mu mirundi
 Abura imilindi yo guhunga,
 Ihuta kumwesa ku mpama
 Iti « uwa rutavutsa imikaka
 60 Imbeba zikaragata umwite,
 Uwanje muze mumurore
 Aho atembye igiculi
 Munsi y'igicaniro!
 Ubwo musanga adaciye
 65 Singere mu ikaniro!
 Abasigaye mu cyezi
 Balimo shebuja w'ubwoba
 Ashinguye guhunga
 Ahura n'iy'itorero
 70 Izirusha zose amatama manini,
 Ikagira imikaka idakuka;
 Iyimukoza mu birenge,
 Agiye gukandagira
 Asyonyorwa n'imisenyi,
 75 Yesa inkokora hasi
 Igaruka yirahira
 Iti « uwa Rutarasirwa mu ntazi
 Intore z'imbeba zakoranye
 Dore aho atembye igiculi!
 80 Ubwo musanga adaciye
 Integano sinyibuze,
 Sinzalye amacwende! »
 Zisizanira mu mulyango
 Zumva usigaye mu nzu,
 85 Ko akomeza guhumeka:
 Imbeba zirakorakorana
 Izindi zikwirwa iyo nzu!
 Nyirazo ihanika kujwigira
 Ihagaze hejuru y'urusika

90	Uwo zisanze mu kirago, Ati « ilyavuzwe liratashye! » Haduka iy'amanga make, Ikarusha izo mbeba amaboko N'amarere ikayagira,	130	N'imilizo yakunze! Ziba inkaragatabyah!
95	Yigize ikibumbe, Ikazirusha n'icyaha Cyo konona amasimbo! Ihindu ituruka mu isapfu, Ibanza gusenya iyo nzu,	135	Rutanena umutindi, Rudacira ubucabali Rudahararukwa ikaniro, Ruti rwasa amacwende.
100	Ihingutse ku mugamba Isandaza ibisabo, Iheranga n'ibicuma Ibiceka ku ruhimbi, Igikuba kiracika,	140	Rudacikirwa n'umushushwe, Rwa nkumbuye amashaza Ni imbeba y'umulizo w'imbazo Isokoza ubwanwa bw'ishaka N'ubwinyo butukura.
105	Akangurwa n'ubwoba! Intoki zihura n'amenyo Y'iyo figi y'imbeba Iziremera intambara: Ihangira mu bikonjo,		Izina yatorewe n'umwisi
110	Ikuramò inzara zose Imuhalisha intwaro. Ibonye ko ihimbawe Igaruka yirahira Iti « uw'urutaza rutimirwa,		Yitwa inkuba yesa ku muheno!
115	Rutabuzwa ku mirara, Uwanjye muze mumurore, Ubwo musanga adaciye Singere ku bucabali! »		
120	Zibonye umutezi, Ahingukanye igifuma, Zigiciramo urutezo Na we zimubuza gutaha! Zatanyije injangwe		
125	Ntizikigera no mu bihuru; Zateye urusakwe,		

(**Gusoma 5**, Hatier Paris, 1975, p. 69.)

ISHYALI N'UBUHEMU



Umugabo Yuli yabanaga neza n'umugore we, nta ntonganya, nta mwilyane. Umunsi umwe Yuli arazinduka, asiga umugore we imuhira wenyine. Bamwe mu baturanyi be aliko bakamugilira ishyali. Ntibukeye kabili, baraza babwira muka Yuli batu « intambara yaciye ibintu, abantu baraterwa ntibasahure, keretse amafaranga bihambiliyeho. None rero zana iyo farasi yanyu, tuyibagulishilize, mwibonere udufaranga. » Undi ngo abyumve akuka umutima, ati « ngaho nimuyijyane, nta kundi byagenda; mubanguke. » Barayijyana barayigulisha, amafaranga bayakubira mu mifuka, muka Yuli ntiyongera kubaca ilyera.

Haciye iminsi itanu, Yuli aza gutahuka. Umugore amutekerereza uko abo bahemu bamubeshye; arumirwa. Arahaguruka akulikirana bya bisambo. Hashize icyumweru, arabifata, abishykiliza ubucamanza. Baraburana Yuli nanone arabatsinda. Bamusubiza amafaranga aguze ifarasi nziza, bamwongereraho n'indishyi y'akababaro kandi bafungwa amezi atandatu.

Ibyo bisambo byahaniwe ukuli: byarabeshye, biliba, bikura na muka Yuli umutima, ndetse wenda hali n'abandi bantu byaliganyije.

Ikinyoma gihira bake!

(**Gusoma 3**, Edit. A. De Bœck, Bruxelles,
1972, p. 55)

UMUCELI



Umuceli ujya gusa n'ingano. Iyo washimye ubutaka ushabora kugera ku burebure bwa metero imwe n'igice. Umuceli ukunda kwera mubihugu by'Aziya, nko mu Bushinwa no muli Yapani. Muliki gihe utangiye no guhingwa hilya no hino muli Afurika, nk'iwacu i Rwanda, mu Burundi no muli Zayire. Umuceli wera ihundo liliho impeke nyinshi; ihundo limwe lishobora kugira impeke ijana na mirongo itanu.

Umuceli wadutse mu Rwanda vuba. Uwo twasangaga mu maduka mu Rwanda ni uwabaga uturutse mu mahanga. None ubu mu maduka amwe n'amwe, uhasanga umuceli weze mu Rwanda. Abashinwa ni bo batwigishije guhinga iyo mbuto. Batangiliye mu gishanga cy'umugezi wa Nyabugogo. Uwo mugezi uli bugufi y'umurwa mukuru w'u Rwanda.

Umuceli ugira amoko menshi, aliko ay'ingenzi ni abili; halihoko umuceli uhingwa mu butaka bulimo amazi menshi, nko mu bishanga no mu mibande; hakabaho n'uhingwa imusozi hali ifumbire ihagije kandi hatuma cyane. Bene uwo muceli aho kuba umweru uratukura.

Ihingwa iyawo litangirana n'igihe cy'imvura, kuko ukunda amazi menshi. Iyo bahinga batera ingemwe. Bashobora kuzitera uko babonye cyangwa ku mirongo. Ibyiza aliko ni ugutera ku mirongo, mu twobo twa santimetro ebyili, hagati y'ingemwe n'indi hakaba nka santimetro eshanu.

Nyuma y'ibyumweru bitandatu umuceli utewe, barawubagara, bakawusukira kenshi. Igihe ugiye kwera bagomba kuwulinda inyoni, kuko ziwukunda cyane. Umuceli werera amezi atanu. Iyo weze barawusarura, bakawuhura, impeke zawo zikava mu mahundo, aliko zikili mu bishishwa.

Nyuma y'ibyo barawusekura, bakawugosora. Umuceli ni igihingwa cy'ingenzi; ni ikilibwa nk'ibishyimbo, amashaza, amasaka n'ingano, kandi uranacuruzwa. Bityo ukazanira igihugu n'abawuhinga amafaranga n'ibantu byinshi bituruka ahandi.

(**Gusoma 3**, Edit. A De Bœck, Bruxelles, 1972, p. 131)

PETERO NZUKIRA

(Igice cya kibili)



Aliko rero Petero ntiyashoboraga kuguma hejuru aragiye inyana, kuko yagombaga kugemulira umugore we. Ni ko kuzilika umurunga ukomeye mu ijosi lya Sine, awumenesha igisenge, utunguka mu nzu imbere. Hanyuma aramanuka, azilika wa murunga ku kuguru, alibwira ati « ni uko. Inka yanje nishaka kumanuka ndabimanya. »

Ahasigaye Petero atangira gukora : akebagura inyama vuba vuba, aroha mu nkono, aculiranya n'ibitunguru n'inyanya. Inkono ayitereka ku ziko, yiwegereza inkwi aracana.

Ngo hashire akanya, Sine irambirwa kuguma hejuru y'inzu, kuko hayiteye impungenge. Ishaka kumanuka mu rubega rutereye ku mugunguzi no ku kibaho. Ibonye ko ali habi, ishaka

gusubira inyuma, ubwatsi bw'inzu ikandagiye ho burasohoroka, imanukana na bwo! Muzi rero ko Sine yali izilitse ku mugozi. Muzi kandi ko uwo mugozi Petero yali yawuzilitse ku kuguru. Mu kanya Sine imanutsemo, Petero na we alitera, amaguru ashita mu gisenge cy'inzu, aculika umutwe. Iyo icyo gisenge kidakomera biba byarabaye bite? Bizi Imana! Petero yamaze gufatwa n'igisenge cy'inzu ye, Sine inaganira hanze; maze sinakubwira imiborogo!

Muka Petero abonye ko ibilyo bitaziye igihe, ararambirwa agaruka imuhira kureba; kandi n'imbeshyerwe ibyo gutema byaramutondaga. Nuko abonye Sine inagana, biramutangaza, alisumbukuruza, umugozi wali uyifashe awucisha umuhoro. Inka yikubita hasi ubwo, ihabaduka vuba. Petero na we, mu kugwa yabanje umutwe muli ya nkono yali ku ziko. Amahirwe ni uko umuliro wali wazimye, naho ubundi aba yarahiye. Yakobotse ku gahanga no ku zuru, akuka n'amenyo abili.

Umugore yamaze guca ikiziliko, yinjira mu nzu, atabara ibibomborekanye. Asanga umugabo we amaze guhaguruka, avilirana amaraso mu kanwa. Ni ko kumubwira amuseka ati « ali njye, ali nave, ni nde warushije undi kuvunika none ? Ewe, sinjya kugutabira amacumu, wakoze kandi wavunitse : umuntu watetse, ugacunda, ukarera umwana, ukica ingurube, ukarwana na Sine, mugakotana bene aka kageni, n'ibindi ntazi ! Ngaho rero noneho kubitiraho no kungabulira. » Nuko Petero araceceka abura icyo asubiza.

(**Gusoma 4**, Edit. A. De Bœck, Bruxelles, 1975, p. 142).

IBYIFUZO BITATU



Umugabo n'umugore b'abakene bali batuye iruhande rw'ishyamba. Umunsi umwe ku kagoroba, itumba lica ibintu, batangira kuganira, bavuga iby'abaturanyi babo bifataga nabi kandi bafite ibintu bitagira ingano. Umugore aza kuvuga ati «uwankiza sinamera nka baliya!» Umugabo ati «ni ishyano kubona bene ba bantu bakoraga ibitangaza batakibaho! Ubu simba nisabiye ibyo nifuza?»

Mu gihe bakivuga ibyo, babona umugore utagira uko asa atungutse iruhande rwabo, arabasuha, arababwira ati «numvise ibyo mwavugaga, none mumbwire ibyo mwifusa, aliko ntimumurenze bitatu, kuko nimubirenza, ntimumubona na kimwe.» Amaze kubabwira atyo, bayoberwa aho aligitije.

Batangira kuvuga ibyo bakwiye gusaba. Erega ntibyali byoroshye kubona ibintu bitatu gusa ako kanya, n'ubukene bali bafite! Umugore rero araterura ati «si njye uhitamo, aliko iyaba nali mfite uburenganzira, hali ibintu bitatu nasaba kandi bifite akamaro koko! Ntacyo mbona cyandutira kuba mwiza, nkaba umukungu kandi nkakiranwa icyubahiro mu biroli no mu materaniro y'abakungu!» Umugabo aramusubiza ati «ibyo byose ntacyo bimaze, kuko umuntu ubifite atabura kurwara cyangwa gupfa akili muto. Ikiruta ni ikugira ubuzima bwiza, imbaraga no kuramba.» Umugore na we ati «ese kuramba

byamalira iki umuntu ali mu butindi? Ahubwo byatuma aba umunyabyago igithe kirekire. Aho uzi kubura ibyo ulya no guhora mu maganya! Iyaba wa mugore yaduhaye uburenganzira bwo gushaka ibintu birenze bitatu kuko mbona dukaneye byinshi.» Umugabo aramubwira ati «ibyo ni koko, aliko reka twoye guta igithe, dutekereze neza, ejo tuzabe twabonye ibyifuzo bitatu bidufitiye akamaro koko. Reka tube twiyotera dore n'imbeho yaciye ibintu.»

Ubwo abivuga yenygeza umuliro wali umaze gucika. Nuko alivugisha ati «mbega umuliro mwiza, uwampa inyama ngo nyotse kuli aya makara!»

Akibivuga atyo, abona intongo y'inyama iraguye. Icyo ga kiba kibaye icyifuzo cya mbere! Umugabo abonye iyo nyama, umujinya uramwica, abura aho akwirwa, atangira gutonganya umugore we, ati «mbega umugore w'igisambo! Uko ni ugukunda inyama gusa? Ko dutuliye ishyamba, inyama na zo ni ikibuze? Ukuntu wifuje nabi, icyampa ngo iyo ntongo igufate ku zuru!»

Umugabo atararangiza kuvuga atyo, babona inyama imase kuzuru ly'umugore. Umugore aralira, agerageza kuyikuraho, aliko biba iby'ubusa. Umugabo abibonye alibwira ati «noneho nanje murushije ubucucu! Mugenzi wanje ntundenganye, nkurahiye nkomeje ko ntigeze ntekereza kukwifuliza nabi. Nali ndakaye cyane, mbivuga ntazi ibyo mvuga! Reka noneho twifuze ubukungu, maze nzakugulire akantu kabengerana uzashyira ku zuru, kajye gahisha iyo nyama.» Umugore ati «mbese ubu nakwihanganira guhorana ili shyano?» Icyampa gusa nkabona iyi nyama inyomotseho! Akivuga atyo abona ya ntongo iguye hasi, ibyifuzo biba bibaye bitatu.

Umugabo abwira umugore ati «ili ni isomo koko! Ntidukwiye kugondoza imana. Yo yaturemye ni yo izi ibidukwiye.» Bilira ya nyama kuko mu byifuzo bitatu ali yo bali basigaranye.

(**Gusoma 4**, Edit. A. De Bœck, Bruxelles, 1975, p. 111)

UBWENGE BWA BAKAME



Umunsi umwe, Bakame yasanze umugabo w'umunyabwenge mu ishyamba iramubwira iti «ubwenge bwawe butuma utegeka ili shyamba n'ibilituye, none reka ngire icyo nkwisabira. Uwo mugabo abaza Bakame ati «ulifuza iki?» Na yo iti «ndagusaba kunyongererera ubwenge kugira ngo mburushe izindi nyamaswa zose.» Umugabo amaze gutekereza arayisubiza ati «enda iki giseke uzanyuzulizemo inyon, iki cyansi uzanyuzulizemo amata y'imbogo, uzanzanire n'inzoka ireshya n'iyi nkoni. Nubibona, uzaze nkongerere ubwenge.»

Bakame ibatura ibyo bintu uwo mugabo yali ayihaye, ijya ku mugezi aho inyamaswa zose zikoranira zishotse. Amashoka ageze, inyon ziza zililimba umusubizo, maze Bakame isohoka aho yali yikinze, ilivugisha iti «ashwi da! Ntibishoboka kuzura aha! Yarambeshye!» Inyon zibyumvise ziti «Bakame uravuga uduki?» Bakame iti «hali uwambeshye ngo mushobora kujya muli iki giseke mukacyuzura; aliko jye ndabona bidashoboka.» Inyon ziti «genda Bakame uli umunyamashyengo! Reka

tukwereke!» Iya mbere ilinjira, iya kibili yicokamo, iya gatatu itaho, bityo bityo kugeza igiseke cyuzuliye. Nuko Bakame ikubitaho umutemeli, irarumya, ihisha igiseke iruhande rw'umugezi, ilinumira.

Muli ako kanya, imbogo na yo irashoka. Bakame iyibonye iti «yoo! Yewe ga Baka! Mbega ngo abantu barakubeshya! Ibi bishoboka bite? Nabymera nte?» Imbogo irayisubiza iti «uravuga uduki Baka?» Bakame iti «ndeka ntibishoboka!» Imbogo iti «ese ni ibiki?» Bakame iti «nateze n'umuntu anyemeza ko ushabora kuzuza iki cyansi amata da! Aliko jye mbona ko bidashoboka.»


Imbogo iti «ishyengo lyawe ndalizi!» Bakame izunguza umutwe iti «ntibishoboka rwose!» Imbogo iti «reka nkwereke.» Nuko igira itya ihagarara hejuru'yicyansi, yivuruganyilizamo mu kanya kiba kiruzuye. Bakame iti «uransinze koko!»

Iherako iterura icyansi igishyira iruhande rwa cya giseke cyuzuye inyon.

Bidatinze inzoka iba irashotse. Bakame iyibonye itangira kwiteresha intambwe kuli ya nkoni, imwe, ebyili, eshatu ... Iti «ndiruhiliza ubusa, ntibishoboka!» Inzoka irahagarara, ibaza Bakame iti «bite Baka?» Na yo iti «reka numiwe! Umuntu yambwiye ko ushabora kureshya n'iyi nkoni kandi nsanzwe nkuziho ubugufi.» Inzoka ikubita agatwenge! Iti «ibyo na byo!» Iherako yirambika iruhande rwa ya nkoni. Bakame ntiyazuyaza ihita iyihambiraho. Nuko ifata ibyo yatumwe byose ilikorera no kwa wa muntu. Abibonye arumirwa! Amaze kwiyumvira, abwira Bakame ati «nkongereye ubwenge ku bwo ufite naba ndi igicucu! Gumana ubwo ufite burahagije.» Nuko Bakame ibonye ko haliho izindi nyalyenge ziyrusha, yikubura ishengurwa n'ishavu ly'uko yagokeye ubusa.

(**Gusoma 5**, Hatier Paris 1975, p. 125)

AMAZI



Amazi ali kuli iyi si dutuyemo ni menshi. Hali amazi y'имвура, ay'imigezi, ay'ibiyaga n'ay'inyanja. Amazi ashushywa n'izuba, agahinduka umwuka, ukazamuka, ukajya mu kirere. Umwuka w'amazi iyo ugeze hejuru urakonja, ugakomera, ugahinduka amazi ali yo agaruka ku isi ali imvura.

Hali amazi amwe y'имвура acengera mu butaka, andi agatemba ajya mu migezi, mu nzusi, mu biyaga no mu nyanja. Amazi yacengeye mu butaka arakomeza akamanuka, kugeza igihe ahura n'ubutaka bukomeye nk'ibumba cyangwa ahantu h'ibuye. Iyo ageze kuli ubwo butaka arahagarara, uko imvura iguye akiyonera, kugeza ubwo aba ikiyaga kinini cyo mu kuzimu.

Yamara kuba menshi cyane akagerageza kwishakira inzira apfunda isi. Iyo ashoboye guhinguka inyuma, aho apfupfunukira ni ho bita isoko. Iyo soko ni yo irema akagezi gato ; utugezi duto ni two duterana tukabyara imigezi minini ; imigezi minini na yo igaterana ikabyara inzuzi. Ibiyaga byirema ahantu hategamye cyane, nko mu mibande ishashe ikikijwe n'ubutaka bwegutse.

Iyo ibiyaga byo mu kuzimu bitobokeye aho hantu, hadendeza amazi menshi, yabura aho atembera, agakomeza kwiyongera, akabyara ikiyaga. Ibiyaga byinshi bibyibushywa n'imigezi cyangwa inzuzi zitemba zibijyamo, bikagira imigezi ibivamo igabanya amazi yabyo iyajyana mu nzusi no mu nyanja.

Inyanja ni aho ayo mazi yose tumaze kuvuga ateranira. Inyanja na zo zigenda zirutana. Aho amazi ali ku isi haruta inshuro eshatu ahumutse twita ubutaka.

Amazi afite akamaro kanini. Ataliho, nta gifite ubuzima gishobora kubaho : turayanywa, turayatekesha, turayiyuhagira, turayameshesha, tuyengesha inzoga, tuyakoresha mu iyubaka n'indi milimo myinshi. Amazi magali ni inzira z'amato atwara abantu n'ibicuruzwa. Ayo mazi avamo n'amafi alibwa. Amazi y'ibiyaga bimwe na bimwe n'ay'inyanja bayakuramo umunyu.

(**Gusoma 3**, Edit. A De Bœck, Bruxelles,
1972, p. 98)

UMUGANI WA GACANA



Gacana yali mukuza, yali mukoza. Yaje ntinyishi kwa Bacondo, arabahamagara, arababwira ati « emwe bene urugo, ntimushaka kubaga, nkabatiza intorezo n'umuhoro, mukampa ikibaro ? » Baramukubita, aragenda n'i Gitovu kwa Rukangamiheto rwa Rwigera ati « yemwe bene urugo, ntimushaka kubaga, nkabatiza intorezo n'umuhoro, mukampa ikibaro ? » Baramukubita aragenda. Yambuka Akanyaru, ajya kwa Cakara ati « yemwe bene urugo, ntimushaka kubaga, nkabatiza intorezo n'umuhoro, mukampa ikibaro ? » Bati « inkoni ntuyizira. » Arashogoshera n'i Bugesera, ku rwobo rwa Bayanga, ahasanga urupfu ruragiye inka zarwo. Ati « yewe nyilinka, ntushaka kubaga nkagutiza intorezo n'umuhoro, ukampa kibaro ? » Urupfu ruti « ndabishaka. » Cacana ararubwira ati « nguliza inka yo kubaga. » Urupfu ruti « ngiyo ndayikugulije. »

Cacana atwara inka y'urupfu, i Gitisi na Nyamagana. Igihe agiye kuyikubita intorezo, ahusha mu cyico, aboneza mu kuguru. Ahamagara umwana we ati « ngwino hano umfashe. » Umwana araza. Cacana agiye gukubita intorezo ayilimiza umwana ku ijosi, aramuhiliha; inka na yo irapfa. Inyama Cacana

n'umugore we bazilyaho. Urupfu rubwira Cacana ruti « nyishyura inka yanje wa kagabo we ! » Icyo gihe inkono ikaba irahiye. Cacana ayikubita ku mutwe ati « henga nzagusigire urupfu ! »

Aramanuka no mu Misizi ya Musumba. Aratura, arakaraba ngo alye. Urupfu ruramubwira ruti « ujya kulya akanje arabanza akanyishyura. » Umuhungu muzima arahaguruka, alikorera, afumyamo. Ageze i Gitwiko na Rukambura, arakaraba ngo alye; urupfu ruti « Bu ... » Cacana ati « Pyo... » Agutahira i Runda na Gihara, aracumbika. Ibyo kulya arabishyushya, arangije arakaraba ngo alye. Urupfu ruba rurahashinze ruti « nyishyura. » Cacana arataraguliza, amanuka Gihara, yambuka uruzi. Aterera Bugaragara, ageze mu mpinga, aratura, arakaraba ngo alye; urupfu ruti « naharaye; banza unyishyure. » Cacana amanuka Bugaragara, aterera Shyorongi, yikubita mu iteme, mu Gitabage cya Mbogo na Nyabuko ; aterera Kirungu, ageze mu mpinga ya Remera, aratura, arakaraba ngo alye. Urupfu ruti « ujya kulya akanje arabanza akishyura. » Cacana abwira urupfu ati « reka ngusige ikirali cyume ! » Amanuka Nyundo, yikubita mu Muyanza, azamuka Zoko, ageze mu mpinga ya Zoko, aratura, arakaraba ngo alye. Urupfu ruti « ujya kulya akanje arabanza akanyishyura. Komeza turuhanye ! » Cacana ati « ndacogoye. » Aterurana n'urupfu, akirana na rwo. Urupfu ruramuterura rumucinya hasi. Cacana na we araruterura no hasi ngo « Piii ... » Maze rurakotana, rubura gica.

Imana irahagoboka, izana inka ebyili, iziha Cacana. Cacana azishyura urupfu. Barakiranuka. Urupfu rubwira Cacana ruti « enda noneho nkugabire izi nka ? » Cacana arazakira. Urupfu ruti « mpa inka zanje. » Cacana ahungana za nka, aliko yiruka ay'ubusa urupfu rumufata mpili, rumugwa gitumo, ruramwica.

Cacana yali Bwengebuke.

(**Gusoma 4**, Edit. A de Bœck, Bruxelles, 1975, p. 106)